


# Isake Ishaje

Cissy Kiwanuka Luyiga
Magriet Brink

Byahinduwe na
Erika Mittag

Kinyarwanda

African Storybook.org



Kera hariho umukecuru wabaga wenyine. Yari afite inkoko nyinshi. Muri zo harimo isake yari ishaje cyane kandi itagishoboye gutontoma.



Umunsi umwe, umwuzukuru w'umukecuru yasuye. Yishimiye kumubona. Yasabye umusore gufata isake ishaje kugirango bayiteke bayirye.



Isake ishaje yumvise umugore avuga maze umutima uradagadwa. "Aaiii, nawe urashaje cyane ariko simbona umuntu ugerageza kukwica, tuzareba!"

Isake ishaje rero iranyerera maze ihitamo kwerekeza mu mujyi munini gutangira kuririmba.



Igihe isake ishaje yagendaga, yahuye ninjangwe. "Byagenze bite?" injangwe irabaza. Isake ishaje iti: "Mugenzi wanjye, databuja arashaka kundya kuko ntagishoboye kumubwira igihe". "Ngiye mu mujyi munini kuririmba. Urajya he?"

Injangwe iti: "Mugenzi wanjye, databuja na we yahisemo kunyica kuko ntagishoboye gufata imbeba. Ndahunze".
"Nshobora kwifatanya nawe?"
"Reka tugende!" isake ishaje.



Baragenze akanya gato babonye imbwa yiruka cyane. Isake ishaje yahamagaye imbwa imubaza impamvu yiruka vuba. Imbwa irasubiza iti: "Mugenzi wanjye, databuja yaranyirukanye kubera ko ntagishoboye gufata abajura". "Dufite ibibazo bisa. Tugiye mu mujyi munini kuririmba", isake ishaje.

"Nshobora kwifatanya nawe?" imbwa irabaza.



Inyamaswa eshatu zirahaguruka. Zikigenda, ifarashi irabahagarika ibabaza uko bigenda.
Bose hamwe barashubije bati: "Abayobozi bacu barashaka kutwica kuko tutagishoboye gukora akazi kacu". "Mfite ikibazo kimwe, urajya he?" ifarashi irabaza. Baramusubiza bati: "Tugiye mu mujyi munini kuririmba." Ifarashi yasabye kwifatanya nabo barabyemera.



Bose baragenda kugeza bwije. Babonye inzu bagezeyo bumva urusaku imbere. Baragize ubwoba bahitamo kuririmba indirimbo yo kwirukana abantu bari murugo. Ifarashi ihagarara hasi, imbwa izamuka ku mugongo w'ifarashi, injangwe izamuka inyuma y'imbwa, isake irazamuka ku mugongo w'injangwe.



Bahise batangira kuririmba. "Kookoliookoo," yaririmbye isake. Injangwe yaririmbye ati: "Myaaawuu myaaawuu". Imbwa yaririmbye iti: "Woo woo!" Ifarashi yaririmbye ati: "Wuuuu wuuuu". Bose baririmbaga hamwe. Abantu bari mu nzu bari abajura. Abajura bagize ubwoba barahunga.



Isake ishaje, imbwa, ifarashi n'injangwe binjira mu nzu basanga ibiryo. Barangije kurya bararyama. Isake iryamye hafi yumuryango, ikurikiwe N’injangwe, imbwa, hanyuma ifarashi.



Ntibyatinze cyane abajura bagaruka. Umuyobozi wabo niwe wambere winjiye munzu. Yari amaze gukingura urugi igihe isake ishaje yamukubise umunwa.  Noneho injangwe yamukubise imisumari. Hanyuma asanga imbwa yamurumye.



Umugabo yararusimbutse ariko akomeza inzu. Yabonye ifarashi iramwirukana. Abandi bajura ntibinjiiye mu nzu. Barahunze, ntibagaruka.



Inyamaswa zabayeho neza muri iyo nzu. Isake ishaje yabwiye inshuti ze igihe, imbwa irabarinda. Injangwe yishe imbeba zose mu nzu, ifarashi irazitwara aho zishaka kujya.

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

Isake Ishaje

**Umwanditsi** -- Cissy Kiwanuka Luyiga
**Byahinduwe na** -- Erika Mittag

**Icyitegererezo** -- Magriet Brink
**Ururimi** --Ikinyarwanda
**Urwego** -- Ibika birebire

© African Storybook Initiative 2014
Creative Commons: Attribution 4.0
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0

Inkomoko www.africanstorybook.org

2023.08.29